

#### **A Ishusho y’Imana (Abakolosayi 1:15a)**

- ❖ Ishusho ishobora kuba kopi y’ukuri (ifoto, ikibumbano), cyangwa se ikintu cy’igihimbano (igishushanyijwe). Ariko icyo Bibiliya iba yerekezaho iyo ivuga ishusho kirenze ibyo.
- ❖ Imana yaremeye Adamu na Eva mu ishusho yayo (Itangiriro 1:27), maze Adamu abyara umuhungu mu ishusho ye (Itangiriro 5:3). Ibi si kopi y’ukuri, ibyigānaho, cyangwa ibihimbano byabo. Kwari ugusa ku mubiri, mu mitekerereze no mu mibanire ...
- ❖ Pawulo avuga ko amategako y’imihango yari igicucu, “adafite ishusho yabyo ubwabyo” (Abaheburayo 10:1), bivuze ko “ishusho = iby’ukuri”.
- ❖ Ikibazo ni iki ngo: Ese Yesu yasaga n’Imana, cyangwa *angana* n’Imana? Ikigeretse ku kwiya kenshi izina ry’Imana “NDI”, Yesu yavuze yeruye ati: “Jye na Data turi umwe” (Yohana 10:30); “Umbonye aba abonye Data” (Yohana 14:9).

#### **B Imfura (Abakolosayi 1:15b–17)**

- ❖ “Imfura” bivuga uwabyawe mbere. Ibyo bituma bamwe bigisha ko Yesu ari We wa mbere waremwe n’Imana (Abakolosayi 1:15). Ariko, kimwe n’ijambo “ishusho,” ijambo “imfura” muri Bibiliya rifite ubusobanuro bwagutse.
- ❖ Isaka yari imfura, Ishimayeli si we wari yo; Yakobo yari imfura, Esawu si we wari yo; Yosefu yari imfura, Rubeni si we wari yo; Dawidi yari imfura, aho kuba Eliyabu (Zaburi ya 89:27). Bose bari imfura kuko bari bafite umwanya w’isumbwe kurusha abavandimwe babo, atari uko bavutse mbere.
- ❖ Mu Bakolosayi, Pawulo avuga kuri iri sumbwe. Kugira ngo Pawulo yirinde gukekeranya ku miterere y’iryo sumbwe, yarishyize ku kamero k’inyabubiri k’Imana: kurema ibiriho byose (Abakolosayi 1:16; Yesaya 45:18); no kubibeshaho (Abakolosayi 1:17; Zaburi ya 119:91).

#### **C Umutwe w’Itorero (Abakolosayi 1:18a)**

- ❖ Mu ndimi zimwe na zimwe (nk’Igikatalani cyangwa Ikinyarwanda) ijambo “umutwe” risobanurwa kandi nk’“umutware” cyangwa “umuyobozi,” kuko ari bwo busobanuro-shusho bw’ijambo “umutwe.” Ibi ni ko bimeze no mu Giheburayo. Urugero, “bitoranyirize umutwe umwe” (Hoseya 1:11) byagombye guhindurwa ngo “bazashyiraho umuyobozi umwe”.
- ❖ Ubu ni bwo buryo Pawulo akoresheje iri jambo iyo arikoresha kuri Kristo (Abakolosayi 1:18a).
- ❖ Ariko Pawulo yongeraho n’ubusobanuro-shusho ku mubiri. Kuba Kristo ari umutwe, twebwe—itorero—turi umubiri. Muri ubu buryo, hakurikiraho ko:
  - Twese turakenewe (1Abakorinto 12:15)
  - Buri wese afite umurimo we (1Abakorinto 12:17)
  - Ntidukwiriye gusuzugura umuntu uwo ari we wese (1Abakorinto 12:21)
  - Nta bizera “b’insina-ngufi” babaho (1Abakorinto 12:22–24)
  - Buri wese yita ku wundi (1Abakorinto 12:25–26)

#### **D Inkomoko (Abakolosayi 1:18b)**

- ❖ Ijambo ryahinduwe ngo “intangiriro” ni *archē* (ἀρχή), ijambo ry’Ikigiriki risobanura intangiriro, inkomoko, impamvu cyangwa ihame muri gatanga ya mbere, ariko kandi risobanura umutegets, imbaraga, ububasha cyangwa ubutegets, bitewe ahanini n’ibyerekezaho.
- ❖ Dushobora kuvuga ko iri jambo, iyo rikoreshejwe kuri Kristo, rishobora kugira ubwo busobanuro bwose (Abakolosayi 1:18). Yesu ni We nkomoko ya byose [ishusho y’Imana], ni We mpamvu yatumye byose biremwa [imfura y’ibyaremwe], ni We mutware usumba abandi bose [umutwe]. Ibi byose bimuha isumbwe.
- ❖ Hano Pawulo ahagikamo izina “imfura yo kuzuka mu bapfuye” (nubwo Yesu atari We wa mbere wazutse, ahubwo ari Mose). Kunesha urupfu kwe binasobanuye kunesha icyaha kwe n’ububasha bwe bwo kuturema bundi bushya mu ishusho ye.

#### **E Umuhūza (Abakolosayi 1:19–20)**

- ❖ Ibyo Yesu yakoze byatumye afata umwanya wa mbere muri byose. Nk’uko Pawulo abivuga, Kristo akwiriye aya mazina yose “kuko Imana yashimye ko kuzura kwayo kose kuba muri we” (Abakolosayi 1:19). Mu yandi magambo, Yesu yari Imana yuzuye kandi yari umuntu wuzuye. “Tubona ubwiza bwe, [...] yuzuye ubuntu n’ukuri” (Yohana 1:14).
- ❖ Yesu, mu gupfira ku musaraba no kuzuka, yujuje ibisabwa kugira ngo yunge abantu n’Imana (Abakolosayi 1:20).
- ❖ Dushobora gusobanukirwa ko yunze Imana n’“ibintu byo mu isi.” Ariko se, ni gute yiyunze n’ibiri mu ijuru?
- ❖ Isanzure yose yashoboye kubona neza imiterere y’ikibi. Bityo rero, imico y’Imana iragaragazwa haba mu ijuru, haba no ku Isi.